**CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA**
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

Kigali, le 14/03/2020

**N/Réf. :** 28 – 20

**ITANGAZO RY'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA RISHISHIKARIZA ABAKRISTU GUKUMIRA, KWIRINDA NO KURINDA ABANDI ICYOREZO CYA KORONAVIRUSI.**

Bakristu bavandimwe,

Muri iyi minsi mu gihugu cyacu habonetse umuntu uturutse hanze wanduye Koronavirusi amara iminsi munani ahura n'abantu, akorana na bo, mu mirimo ya buri munsi. Mu nama twagiranye n'ubuyobozi bw'igihugu cyacu twemeranije guhagarika amakoraniro y'abakristu harimo misa, amashuri n'inama zindi zose zihuza abantu benshi mu gihe cy'ibyumweru bibiri uhereye none. Izo ngamba zigamije kurengera ubuzima bw'abantu ngo batanduzanya iyo ndwara ikomeye.

Turabasaba kwakira neza ayo mabwiriza y'ibihe bidasanzwe tunabashishikariza gusenga kurushaho mu ngo kandi muzajya mubasha gukurikirana igitambo cya misa kuri Radiyo na Televiziyo. Twafashe kandi icyemezo cya gishumba ko muri ibi bihe bidasanzwe ubwo buryo buhagije kugira ngo Abakristu bubahirize "*itegeko ry'Imana ryo guhimbaza umunsi uhebuje wa Nyagasani ariwo Icyumweru*"[1] ngo tubeho dufite amizero dukesha izuka rya Kristu.

Imana Umubyeyi wacu ibarinde kudohoka ku kwemera kandi ibakomeze mu rukumdo rwayo muri ibi bihe bidasanzwe.

✠ Filipo RUKAMBA,
Umushumba wa Diyosezi ya Butare
Akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA — CEPR — B.P. 357 Kigali Rwanda — PRESIDENT

---

[1] Sacrosanctum Concilium, n. 106.